# FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION

Kigali, tariki ya 30/12/2025
Ref :1124/FERWAFA/2025

B.P. 2000 Kigali
Email : sgoffice@ferwafa.com
Web site: www.ferwafa.com

**KU MAKIPE YAMAZE KWIYANDIKISHA N'AMARERERO YIFUZA GUKINA IRUSHANWA RYA FERWAFA YOUTH LEAGUE U17&U20/2025–2026 (Abahungu n'abakobwa).**

**Impamvu:** Kohereza ibyangombwa bisabwa byo kwitabira irushanwa rya FERWAFA YOUTH LEAGUE U17 & U20 / 2025–2026 byasabwe n'ibiro bya Tekinike muri FERWAFA (Direction technique).

Bwana/Madamu Bayobozi,

Dushingiye ku ibaruwa Nº 905 na 906/FERWAFA/2025 yo ku wa 14 Ukwakira 2025,

Tubandikiye tubamenyesha ko amakipe yari yariyemeje gukina irushanwa ryavuzwe haruguru, andi mashya abyifuza, ndetse n'amarerero yigenga (Private academies) ko asabwa kohereza ibyangombwa by'ingenzi byasabwe n'ibiro bishinzwe tekiniki (Direction Technique), nkuko muri bubisange ku mugereka w'iyi baruwa ari byo bikurikira:

1. Urutonde rwuzuye rw'ibyangombwa bisabwa,
2. Ifishi yo kuzuza urutonde rw'abakinnyi yuzuzwa mu nyuguti nkuru (Capital letters).

Turabibutsa ko abakinnyi bazakina amarushanwa ya U17 bagomba kuba baravutse mu mwaka wa 2010, 2011 na 2012, naho abazakina amarushanwa ya U20 bagomba kuba baravutse mu mwaka wa 2007, 2008 na 2009.

Amakipe yose akaba asabwa kohereza ibyangombwa byose bitarenze tariki ya 09/01/2026.

Amabwiriza arambuye agenga aya marushanwa n'igihe amarushanwa azatangirira muzabigezwaho mu gihe cya vuba.

<u>**Icyitonderwa**</u>: Inyandiko zose zoherezwa kuri imeri ikurikira: sgoffice@ferwafa.com mukagenera kopi kuri development@ferwafa.com na comm.development@ferwafa.com

Mugire amahoro,

**Bonnie MUGABE**
**Umunyamabanga Mukuru**

FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION

B.P. 2000 Kigali
Email : sgoffice@ferwafa.com
Web site: www.ferwafa.com

Kigali, tariki ya 30/12/2025

**IBISABWA KU MAKIPE YIYEMEJE GUKINA AMARUSHANWA Y'ABATO ATEGURWA NA FERWAFA (FERWAFA YOUTH LEAGUE U17&U20/2025-2026)**

## I. IBIJYANYE N'UBUYOBOZI N'AMATEGEKO

1.Kuba ikipe cyangwa irerero rifite ubuzima gatozi bwa RGB cyangwa RDB

2.Kuba rifite inzego z'imiyoborere zikurikira :

a) Perezida
b) Umuyobozi wa Tekiniki
c) Ushinzwe imari n'ubutegetsi

3. Kuba ikipe cyangwa irerero riziyemeza gukurikiza amabwiriza azagenga irushanwa.

4. Kuba ifite umuntu ushinzwe safeguarding (safguarding officer) ufite cyemezo cy'uko yahuguwe cyangwa akagaragaza ko afite ubushake bwo kuziga ayo masomo guhera mu kwezi kwa Mutarama muri 2026.

## II. IBIJYANYE N'UMUTUNGO

Kugaragaza nibura amafaranga angana na miliyoni eshanu (5,000,000 RWF) kuri konti yayo mu mwaka w'imikino wa 2025-2026 cyangwa amasezerano y'umuterankunga uzayaguha.
Buri kipe igomba kugaragaza ko ifite ubushobozi bwo kwishyura:

a) Ingendo n'amafunguro ku mikino izakinwa
b) Ibikoresho (imipira, amakote y'imyitozo, amakona, ibikoresho by'ubuvuzi, n'ibindi)
c) Gukodesha ikibuga n'ibikorwaremezo bya siporo cyangwa bakifitiye
d) Umushahara w'abatoza n'abandi bakozi ba tekiniki
e) Serivisi z'ubuvuzi bw'ibanze

## IBIMENYETSO BYEMEWE:

a) Inyandiko igaragaza konti ya banki
b) Ibaruwa y'ingwate itanzwe n'umuterankunga cyangwa nyir'ikipe
c) Gahunda y'ingengo y'imari y'umwaka yasinywe
d) Icyemezo cya RDB cyangwa RGB
e) Ibaruwa yo kwiyemeza gukina **"engagement letter"** kuri private academies, n'abandi batayitanze mbere.

## III. IBIJYANYE NA TEKINIKE

a) Umutoza mukuru: Licence CAF C byibura,
b) Umutoza wungirije: Licence CAF C cyangwa CAF D
c) Umutoza w'abanyezamu: Icyemezo fatizo (Basic Certificate)
d) Gahunda ya tekiniki y'umwaka w'ikipe ya U17 ndetse na U20
e) Kuba ufite ikibuga cyemewe na FERWAFA cyo gukiniraho amarushanwa, ndetse n'ikibuga cy'imyitozo
f) Muri **staff y'ikipe y'abakobwa** hagomba kuba harimo nibura **umuntu w'igitsina gore,** kandi na **Team manager** akaba ari **igitsina gore**

FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION FERWAFA B.P 2000 Kigali